

MINISITERI Y'UBUTABERA
Po Box 160 Kigali - Rwanda
Tél +250 252 586398 - +250 252 586561
Fax : +250 252 586509
E-mail: moj@minijust.gov.rw
Website: www.minijust.gov.rw

IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE NA MINISITERI Y'UBUTABERA

Ukuboza, 2011

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zitangwa na Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST).

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi n'ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyo bakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rwa Minisiteri y'Ubutabera mw'itangwa rya serivisi mu Rwanda kikanerekana serivisi zitangwa n'ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rw'aho izo serivisi zitangirwa n'ibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage ryerekana ubushake Minisiteri y'Ubutabera ifite mw'itangwa rya serivisi nziza kandi zihuse.

KARUGARAMA Tharicisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

Iki Gitabo kigaragaza serivisi MINIJUST igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya MINIJUST byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
    - Ubunyangamugayo
    - Hubahirizwa amategeko
    - Mu bwitonzi n'Ubupfura
    - Mu bwumvikane
    - Mu kuri no kudatoranya
    - Mu mucyo
    - Kugaragaza ibyo ikora
    - Gukorera ku gihe
    - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na MINIJUST:
    - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na MINIJUST,
    - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
    - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
    - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
    - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri MINIJUST. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na MINIJUST.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri MINIJUST.

- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za MINIJUST zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za MINIJUST no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za MINIJUST bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, MINIJUST yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko MINIJUST isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuza no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, MINIJUST yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu MINIJUST yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'abagana serivisi za MINIJUST
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'iperereza ku bagana serivisi za MINIJUST gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana MINIJUST banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero MINIJUST ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. MINIJUST izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. MINIJUST irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINIJUST:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti,

kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.

- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri MINIJUST mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho MINIJUST igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, MINIJUST yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.
Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, MINIJUST iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINIJUST kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, MINIJUST irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
    - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
    - Ibyapa
    - Ibiganiro mbwirwaruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru

- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
    - Gushakisha imiyoboro
    - imbuga za interineti rusange
    - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
    - urubuga rwa interineti rwihariye

- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abaturage, Inzego za Leta, Abashakashatsi n'Abanyeshuri mu by'amategeko, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango itegamiye kuri Leta, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa MINIJUST bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba MINIJUST mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivisi mu Nzego z'Ubutabera;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri MINIJUST;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri MINIJUST binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

Aho wabariza:

MINISITERI Y'UBUTABERA

Po Box 160 Kigali - Rwanda
Tél +250 252 586398 - +250 252 586561
Fax : +250 252 586509
E-mail: moj@minijust.gov.rw
Website: www.minijust.gov.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.
Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

1. INTANGIRIRO

Minisiteri y'Ubutabera ni imwe mu Minisiteri zigize guverinoma y'u Rwanda.

2. ICYEREKEZO

Guteza imbere no gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko mu Gihugu; hashyirwaho kureshya imbere y'amategeko ku bantu bose no kureba ko inzego zifite amategeko mu nshingano ziyashyira mu bikorwa ziha serivisi rubanda nk'uko bikwiye.

3. INTEGO

Gutegura no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko kuri bose. Nk'uko biri mu nshingano, Minisiteri y'Ubutabera iteza imbere ikanashyigikira iyubahirizwa ry'amategeko, gushyira mu bikorwa amategeko himakazwa imiyoborere myiza no gutanga serivisi z'ubutabera ku baturarwanda no guteza imbere ubwiyunge mu banyarwanda.

4. IBIKORWA BY'INGENZI

Ibikorwa by'ingenzi bya Minisiteri y'Ubutabera ni ibi bikurikira:

- Gushyiraho no gukwirakwiza politike y'ubutabera, ingamba no porogaramu
- Gutegura no kuyobora amategeko mu gihugu
- Kugira inama Leta n'inzego zayo mu bijyanye n'amategeko;
- Kwubahiriza amategeko agenga ubutegetsi n'ubutabera no kwubahiriza Itegekonshinga;
- Guteza imbere amategeko n'ubutabera gakondo
- Guhagararira Leta n'inzego zayo zose;
- Kugira inama Inzego za Leta;
- Guhagararira Leta mu byo iregwamo byose haba mu gihugu cyangwa hanze yacyo;
- Kwubaka ubushobozi bwa Minisiteri n'inzego ziyishimikiyeho
- Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko na politike y'ubutabera
- Guhuza ibikorwa by'abaterankunga mu butabera

5. INDANGAGACIRO Z'INGENZI

Kubera ko MINIJUST ari urwego rushinzwe kwimakaza umuco w'ubutabera mu gihugu, izi ndangagaciro nizo ziza imbere: kurangwa n'umwuga, guhanga udushya, ubunyangamugayo, gukorera hamwe, umucyo, kubazwa ibyo wakoze, no kuba umunyakuri.

6. SERIVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'UBUTABERA

1. Ubwoko bwa serivisi: Kwishyura uwatinze Leta mu rubanza

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Kwishyura uwatinze Leta mu rubanza Iyi serivisi ihabwa umuntu wese uyishaka
Ishami ryo kubarizamo	Ishami ry'Ibibazo mbonezamubano
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 15 hamaze gufatwa umwanyuzo w'urukiko ku ndishyi cyangwa icyemezo cy'ubutabera
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Iyo atari icyemezo cy'urukiko: - Urwandiko rwandikiwe Mininsitiri w'Ubutabera/Iintumwa Nkuru ya Leta - Gutanga impapuro zibyemeza Iyo ari gushyira icyemezo cy'urukiko mu bikorwa: - Gusaba Minisitiri ko icyemezo gishyirwa mu bikorwa - Ibyangmbwa biranga umuntu - Nomero ya konti ya banki izashyirwaho amafaranga
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Kubisaba Minisiteri y'Ubutabera ukagerekaho impapuro zibihamya
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Polisi - Inkiko - Inzego z'ubuzima - Ikigo cy'imisoro n'amahoro
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe gukemura ibibazo, bitakemuka ukareba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa ya Leta yungirije, bitakemuka ukareba Minisitiri

	w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'Ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: 07 88 30 10 96 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Amategeko nshinjabyaha, amategeko yerekeye imiyoborere n'imbonezamubano

2. Ubwoko bwa serivisi: Guha akaciro inyandiko (noteri)/gutanga serivisi rusange, Uburenganzira bwa muntu na serivisi z'amategeko

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Serivisi za noteri zihabwa buri wese uzishaka (cyane inyandiko zijya hanze y'igihugu)
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Umunsi 1 ntarengwa
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Amafaranga ajyana n'umubare w'impapuro zisabirwa kwemeza umwimerere wazo
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	• Icyangombwa cy'umwimerere: • Umubare w'impapuro ushaka ko zishyirwa kashi ya noteri • Impapuro zirekana ko wishyuriye iyo serivisi mu kigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Utanga impapuro ushaka zo zishyirwaho umukono wa noteri mu biro bye, mu masaha y'akazi.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'imisoro n'amahoro kwishyura amafaranga asabwa
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta

udahawe iyo serivisi?	bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri kuri:www.**minijust**.gov.rw/ cyangwa WWW.amategeko.net ukeneye amakuru. Ukeneye amakuru y'isumbuyeho wahamagara kuri : 250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Iteka rya perezida n° 29/01 ryo kuwa 05/07/2005 ryasohotse mw'Igazeti ya Leta n° 15 ryo 1/08/2005

3. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga ubuzima gatozi imiryango idaharanira inyungu (itegamiye kuri Leta)

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutanga ubuzima gatozi imiryango idaharanira inyungu (itegamiye kuri Leta) : Ubuzima gatozi ku miryango idaharanira inyungu butangwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano.
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu nuguhera saa moya kugeza saa sita zamanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 30. Ariko itegeko riteganya amazi atandatu uhereye k'umunsi wasabiyeho.
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri w'Ubutabera - Kopi 4 z'amategeko agenga umuryango - Kopi 4 z'imyanzuro y'inama rusange yemeza gusaba ubuzima gatozi (igaragaro uko abayobozi batowe, no kwemeza amategeko agenga umuryango).

	- Icyemezo cy'umwimerere cyatanzwe n'Akarere, Intara, na Minisiteri ifite mu nshingano ibikorwa uwo muryango ugiye gukora. Uburenganzira bw'Akarere na Minisiteri ni rusange ariko icyemezo cy'Intara gihabwa gusa ugiye gukorera mu Ntara yose cyangwa ku rwego rw'igihugu - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza inshingano n'abahagarariye umuryango mu rwego rw'amategeko - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza urutonde rw'abanyamuryango n'imyirondoro yabo. - Kopi 1 ya sitati n'iteka rya minisitiri ritanga ubuzima gatozi ryasohotse mw'igazeti ya Leta - Urwandiko rwa polisi rw'imyifatire rwemerera abayobozi guhagararira umuryango - Kopi ya sitati y'umuryango itangwa kuri mudasobwa
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Intara, Akarere cyangwa Inzego z'Ibanze gusaba icyemezo cy'agateganyo - Ikigo gishinzwe kugenzura itangwa ry'amasoko ya Leta ku icyemezo cya polisi
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw/ kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250788618167, mu masaha y'akazi.

Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000, rireba imiryango idaharanira inyungu

4. **Ubwoko bwa serivisi: Kwemeza Abavugizi b'Umuryango utegamiye kuri Leta mu rwego rw'Amategeko**

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Kwemeza Abavugizi b'Umuryango utegamiye kuri Leta mu rwego rw'Amategeko
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu nuguhera saa moya kugeza saa sita z'manywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 30. Ariko itegeko riteganya amezi 6
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta - Kopi 4 z'amategeko agenga umuryango - Kopi 4 z'imyanzoro y'inama rusange yemeza gusaba ubuzima gatozi (igaragaro uko abayobozi batowe, no kwemeza amategeko ajyenga umuryango). - Icyemezo cy'umwimerere cyatanzwe n'Akarere, Intara, na Minisiteri ifite mu nshingano ibikorwa muryango ugiye gukora. Icyemezo cy'Akarere na Minisiteri ni rusange ariko icyemezo cy'Intara gihabwa gusa ugiye gukorera mu Ntara yose cyangwa ku rwego rw'igihugu - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza inshingano n'abahagarariye umuryango mu rwego rw'amategeko - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza urutonde rw'abanyamuryango n'imyirondoro yabo.

	- Kopi 1 ya sitati n'iteka rya Minisitiri ritanga ubuzima gatozi ryasohotse mw'igazeti ya Leta - Urwandiko rutangwa n'Ubushinjacyaha rwerekeye imyifatire (Extrait Casier Judiciaire) y'Abasabirwa guhagararira umuryango
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Akarere - Ubushinjacya Bukuru ku icyemezo cya Polisi
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri : +250788618167, mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000, rireba imiryango idaharanira inyungu

5. **Ubwoko bwa serivisi: Gusaba guhindura izina rya NGOs (Umuryango udaharanira inyungu)**

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Gusaba guhindura izina rya NGOs (Umuryango udaharanira inyungu cyangwa utegamiye kuri Leta)
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe	Iminsi 30. Ariko itegeko riteganya amezi 6

wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri w'ubutabera - Kopi 4 z'amategeko agenga umuryango - Kopi 4 z'imyanzoro y'inama rusange yemeza gusaba ubuzima gatozi (igaragaro uko abayobozi batowe, no kwemeza amategeko agenga umuryango). - Icyemezo cy'umwimerere cyatanzwe n'Akarere, Intara, na Minisiteri ifite mu nshingano ibikorwa umuryango ugiye gukora. Uburenganzira bw'Akarere na Minisiteri ni rusange ariko icyemezo cy'Intara gihabwa gusa ugiye gukorera mu Ntara yose cyangwa ku rwego rw'igihugu - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza inshingano n'abahagarariye umuryango mu rwego rw'amategeko - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza urutonde rw'abanyamuryango n'imyirondoro yabo. - Kopi 1 ya sitati n'iteka rya minisitiri ritanga ubuzima gatozi ryasohotse mw'igazeti ya Leta - Urwandiko rutangwa n'Ubushinjacyaha rwerekeye imyifatire (Extrait Casier Judiciaire) y'Abasabirwa guhagararira umuryango - Kopi ya sitati y'umuryango itangwa kuri mudasobwa/ furashi (flash)
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Akarere - NPPA
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba

	Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250788618167 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000, rireba imiryango idaharanira inyungu

6. Ubwoko bwa serivisi: Gusaba kuvugurura Amategeko (Sitati) agenga umuryango

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gusaba kuvugurura Amategeko (Sitati) agenga umuryango
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 30. Ariko itegeko riteganya amezi 6
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba yandikiwe minisitiri w'ubutabera - Kopi 4 z'amategeko agenga umuryango - Kopi 4 z'imyanzoro y'inama rusange yemeza gusaba ubuzima gatozi (igaragaza uko abayobozi batowe, no kwemeza amategeko agenga umuryango) - Icyemezo cy'umwimerere cyatanzwe n'Akarere, Intara, na Minisiteri ifite mu nshingano ibikorwa muryango ugiye gukora. Icyemezo cy'Akarere na Minisiteri ni rusange ariko icyemezo cy'Intara

	gihabwa gusa ugiye gukorera mu ntara yose cyangwa ku rwego rw'igihugu - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza inshingano n'abahagarariye umuryango mu rwego rw'amategeko - Kopi 4 ziriho umukono wa noteri zigaragaza urutonde rw'abanyamuryango n'imyirondoro yabo. - Kopi 1 ya sitati n'iteka rya minisitiri ritanga ubuzima gatozi ryasohotse mw'igazeti ya Leta - Urwandiko rutangwa n'Ubushinjacyaha rwerekeye imyifatire (Extrait Casier Judiciaire) y'Abasabirwa guhagararira umuryango - Kopi ya sitati y'umuryango itangwa kuri mudasobwa/ furashi (flash)
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Akarere - NPPA
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250788618167 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000, rireba imiryango idaharanira inyungu

7. Ubwoko bwa serivisi: Guhinduza izina

Serivisi ni iyihe?	Umuntu wese yemerewe guhinduza izina amaze kugaragaza impamvu.

Nujuje ibisabwa?	
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 30. Ariko itegeko riteganya amezi 6
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Minisitiri w'Ubutabera; - Impamvu yo guhinduza izina; - Icyemezo cy'amavuko
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Akarere - NPPA
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko	Itegeko ryerekeranye no guhinduza izina

zivuga kuri iyi serivisi	

8. Ubwoko bwa serivisi: Guhabwa imyaka y'ubukure

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Guhabwa imyaka y'ubukure ku bantu bafite imyaka iri munsi ya 21 kugira ngo bahabwe uburenganzira: Itegeko ryemerera umuntu gushaka afite imyaka 21 y'ubukure gusubiza hejuru. Ariko bitewe n'impamvu zumvikana Minisitiri cyangwa intumwa ye batanga uburenganzira byo gushyingirwa (gushinga urugo) k'uwabisabye uri munsi y'imyaka 21 y'amavuko
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 30.
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Minisitiri w'Ubutabera ugatanga kopi k'Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge ahakorerwa ubukwe; - Urwandiko rw'ababyeyi cyangwa umwishingizi rwandikiwe Minisitiri w'Ubutabera rusaba kwemerera ubukwe; - Icyemezo cy'amavuko; - Icyemezo cyo gutwita cyatanzwe na muganga wemewe, iyo ushaka kurongorwa/kurongora atwite; - Icyemezo cy'ubupfubyi, iyo ugiye kurongorwa/kurongora ari ipfubyi
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Dosiye ikibiyemo byose itangwa k'ushinzwe kwakira abagana MINIJUST. Ugasabwa kuyikurikirana binyuze k'umuntu ushinzwe iyi serivisi
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa	- Akarere - NPPA - Serivisi z'ubuzima (ibitaro)

gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Itegeko ryerekeranye no gutanga imyaka y'ubukure

9. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga uburenganzira bwo gukora nk'umuhesha w'inkiko w'umwuga

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutanga uburenganzira bwo gukora nk'umuhesha w'inkiko w'Umwuga
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita zamanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 45
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'ubutabera isaba impapuro zo kubona iyo serivisi - Icyemezo cy'ubwenegihugu gitangwa n'umurenge; - Icyemezo cy'amavuko - Fotokopi y'indangamuntu - Telefoni usaba serivisi yabarizwaho

Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Kwandikira Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta usaba ubwo burenganzira bwo kuba Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Impapuro zisaba ziboneka kuri www.minijust.gov.rw
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	- Itegeko n° 09/2006 ryo kuwa 02/03/2006 rihindura kandi rikuzuza itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeranye n'imanza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo, n'ubutegetsi - Itegeko n° 31/2001 ryo kuwa 12 kamena 2001 rishyiraho ishyirahamwe ry'abahesha b'inkiko by'umwuga - Itegeko n° 20/2006 ryo kuwa 22/04/2006 rihindura kandi rikuzuza Itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17 Gicurasi 2004 ryerekeranye n'ubugenzacyaha

10. Ubwoko bwa serivisi: Gushyira mu bikorwa umwanzuro/icyemezo cy'urukiko

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gushyira mu bikorwa umwanzuro/icyemezo cy'urukiko
Ishami ryo kubarizamo	Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa

Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 45
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Ubutabera isaba impapuro zo kubona iyo serivisi
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Gusaba uburenganzira kuri Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera ibiro by'abunganira Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe Porogaramu rusange, uburenganzira bwa muntu na serivisi zo gufasha mu by'amategeko; iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta yungirije; iyo bidakemutse ureba Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Impapuro zisaba ziboneka kuri www.minijust.gov.rw
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	• Itegeko n° 09/2006 ryo kuwa 02/03/2006 rihindura kandi rikuzuza itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeranye n'imanza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo, n'ubutegetsi • Itegeko n° 31/2001 ryo kuwa 12 kamena 2001 rishyiraho ishyirahamwe ry'abahesha b'inkiko by'umwuga • Itegeko n° 20/2006 ryo kuwa 22/04/2006 rihindura kandi rikuzuza Itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17 Gicurasi 2004 ryerekeranye n'ubugenzacyaha

11. Ubwoko bwa serivisi: Gucunga imitungo itagira beneyo

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gucunga imitungo itagira beneyo
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rishinzwe imitungo itagira beneyo
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu nuguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi yose y'akazi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibyerekerenye n'imitungo
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ntazo
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Komisiyo ishinzwe imitungo itagira beneyo ku rwego rw'Akarere
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe, wegera umuyobozi ushinzwe imitungo itagira beneyo, iyo ikibazo kidakemutse gishyikirizwa Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'ubutabera kuri: www.**minijust**.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252 586398 - +250 252 586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi	Bigaragazwa n'Itegeko ushobora gusanga kuri: www.**minijust**.gov.rw cyangwa kuri: www.**amategeko**.net

serivisi	

12. Ubwoko bwa Serivisi: Gutira ibitabo n'ibitangazamakuru/ ibinyamakuru

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutira ibitabo n'ibinyamakuru: Kubantu basanzwe, abanyeshuri, abashakashatsi n'abakozi, nyuma yo kugaragaza ikarita y'ishuri, iy'akazi, uruhusa rw'akazi n'icyangomba kiranga umuntu.
Ishami ryo kubarizamo	Ishami ry'Isomero
Serivisi itangwa ryari?	Kuva kuwa mbere kugeza kuwa kane**:** guhera saa moya zigitondo kugeza saa sita z'amanywa guhera saa saba z'amanywa kugeza saa kumi n'imwe zumugoroba Kuwa gatanu**:** guhera saa mbiri zigitondo kugeza saa zamanywa guhera saa saba zamanywa kgeza saa munani zamanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Uwo mwanya
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ikarita y'ishuri; - Indangamuntu; - Uruhusa rw'akazi.
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Usaba igitabo agomba kuba azi ibikiranga - Ibi bikiranga abitanga k'umukozi utanga ibitabo - Iyo ahawe ibitabo ashaka yuzuza urupapuro batiriraho
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo ufite ikibazo ukigeza k'umuyobozi ishinzwe serivisi z'isomero ushora kubikora mu nyandiko cyangwa ukajya kumureba cyangwa ugahamagara kuri telefone +250 252 586398 -

	+250 252 586561 mu masaha y'akazi
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Ntazo
Impapuro zuzuzwa	Impapuro batiriraho ibitabo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

13. Ubwoko bwa Serivisi : Gutirura Ibitabo by'Isomero

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutirura Ibitabo by'Isomero Abakozi, Abanyeshuri, abashakashatsi mu by'amategeko n'abandi bose batiye bagomba gusubiza ibitabo, ibinyamakuru, n'ibitabo batiye ku gihe cyagenwe
Ishami ryo kubarizamo	Ishami ry'Isomero
Serivisi itangwa ryari?	Kuva kuwa mbere kugeza kuwa kane: guhera saa moya zigitondo kugeza saa sita z'amanywa guhera saa saba z'amanywa kugeza saa kumi n'imwe zumugoroba Kuwa gatanu: guhera saa mbiri zigitondo kugeza saa zamanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Uwo mwanya
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Ntabyo: Ariko iyo utinze gusubiza ibitabo ucibwa amande yishyurwa kuri konti ya Minisiteri (amafaranga 1,000) k'umunsi urengejeho ku kinyamakuru. Ibitabo (amafaranga 2,000) k'umunsi urengejeho. Igitabo cyanditswe n'abanyeshuri (amafaranga 5,000) k'umunsi urengejeho.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Igitabo cyatiwe - Ikinyamakuru cyatiwe
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Uwatiye agaragaza amazina ye n'umunsi azasubirizaho igitabo - Uwatiye agomba gusubizaho urupapuro yatiriyeho

Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo ufite ikibazo kuri serivisi uhawe ukigeza k'umuyobozi ishinzwe serivisi z'isomero ushora kubikora mu nyandiko cyangwa ukajya kumureba cyangwa ugahamagara kuri telefone :(250) 252586561 Fax : (250) 252586509 mu masaha y'akazi
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Ntabyo
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

14. **Ubwoko bwa serivisi : Gutanga amakuru no kuyobora bikorerwa umuntu wese ubikeneye bigakorwa n'ubunyamabanga rusange**

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Gutanga amakuru no kuyobora bikorerwa umuntu wese ubikeneye bigakorwa n'ubunyamabanga rusange
Ishami ryo kubarizamo	Ishami ry'Ubutegetsi n'Imari
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu nuguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Hagati y'umunsi umwe n'iminsi ibiri
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Inyandiko yanditse
Binyura muyihe nzira	Ubutumwa buje cyangwa ubutumwa

ngo uyihabwe?	bugiye/bwoherejwe
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Urwego rw'Umuvunyi, Polisi y'Igihugu
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo ufite ikibazo kuri serivisi uhawe ukigeza k'umuyobozi ushinzwe imari n'ubuyobozi, iyo ikibazo kidakemutse ureba Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rwa Minisiteri y'Ubutabera kuri: www.minijust.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ukeneye amakuru aruseho watelefona kuri: +250 252586561 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

Byemejwe na : **KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta